

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA ANATALIYA MUKAMAZIMPAKA  
I KIBEHO TARIKI YA 19/11/1983.**

Saa munani n'igice iri hafi kugera, nibwo Anataliya yaje apfukama kuri rwa rutara babonekererwagaho. Atangira gusenga bucece. Saa munani n'igice zuzuye nk'uko babivuganye ubushize ubwo aheruka kumubonekera muri rubanda nyamwinshi, Umubyeyi aramubonekera.

Uwandika ibi mugiyeye gusoma yari ahibereye kandi yabikurikiriye hafi.

Aho musanga utumenyetso dushushanyije dutya: =====, mumenye ko ari ibitumvikana neza kuri cassette yafatiyeho ikiganiro Nataliya yagiranye n'Umubyeyi. Ubundi kandi bivuga ibibuze kuko bitagiye kuri cassette mu gihe cyo kuyihindura.

Nicyo gituma musanga ahanditse ngo: „IHINDURWA RYA CASSETTE“

Ibonekerwa ryatangiyeye ritya:

- Naguteze amatwi mbwira icyo ushaka cyose.
- *Indirimbo: Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana.*
- Uko mwari mwambwiye niko nabigenjeje.
- Uko MWANSABYE KUBITEGURA niko nabigenjeje.
- Uretse kubivuga, mbere yuko nabibasubiza NI MWEBWE MUBYIREBERA. Kandi n'ICYO NKENEYE NI MWE MUKIRORA.
- Mbanje kubasaba IMBARAGA ZANYU KUGIRA NGO NSHOBORE KUVUGANA NAMWE, KANDI KUGIRA NGO NSHOBORE GUKORA IBYO MUNYIFUZAHO.
- Mbasabye kandi no KUNYOROHEREZA UBUBABARE kugira ngo nshobore KUBAKURIKIRA NEZA, mbese nk'uko MUBYIFUZA.
- MURABIBONA NAMWE, nkomeje kumera nk'uko nari meze, ntacyo byaba bimariye.
- *(Anataliya araseka).* Iiii, nabyifuzaga cyane.
- Twese turabishimiye, kandi twishimiye n'IBYO MUTUZANIYE.
- Turabyifuza.
- Buri muni nta na rimwe tuba tutabyifuza.
- N'ubwo twabivugaga ku rurimi gusa, ariko tuba tubyifujije.
- Ntabwo tukizi. icyakora nnyewe, nk'uko mwaraye mubimenyesheje, mu byo mwamenyesheje ndabizi usibye ko ntamenye ibisobanuro byabyo cyangwa se impamvu yabibateye kubitugezaho.
- Oya ntabwo nabyinubiye.
- *(Anataliya araseka).* Oya.

- Ni byinshi cyane.
- Ejo ninjoro mwaraye munyifujeho ko nagira UKWIHANGANA, NKEMERA IBYO MUMPAMAGARIRA BYOSE, NKEMERA IBYO MUNYIFUZAHO BYOSE.
- (*Anataliya araseka*). Ni byinshi cyane.
- Kuri iyi tariki ? .., kuri iyi tariki mwambwiye KO MUZAZA KUNSURA, mumbwira ko MUNGEZAHO IBINTU BYINSHI ARIKO CYANE CYANE KO MWIBANDA KU BINTU BITATU.
- Mwambwiye ko ICYA MBERE ARI UKUDUTERA INKUNGA MU BUTUMWA BWACU.
- Oya nta gisobanuro wampaye.
- Ubungubu hagiye gushira IMYAKA IBIRI TUBONANYE NAMWE.
- MWATANGIYE KUNGENDERERA KURI 12 Z'UKWA MBERE MURI 82.
- Ubu ni kuri 13/11/83.
- Ibyo mumaze kungezaho NI BYINSHI CYANE.
- Bimwe TURABIGERAGEZA IBINDI BIKATUNANIRA.
- IBITUNANIRA NI BYINSHI CYANE.
- MWEBWE KU BYO MWAKOMEJE KUDUSABA: ari UGUSENGA BURI MUNSI, ari UKUGIRA URUKUNDO, ari UKUGIRA UKWICISHA BUGUFI N'UBWIYOROSHYE, ari UKWIHANGANA, UKWIBABAZA N'UKWIGOMWA, IBYO BYOSE MWAKUNZE KUBIDUSABA ARIKO KUBIGERAHO NTABWO BITWOROHERA.
- Ari ababigerageza, ari n'abatabigerageza ntabwo nzi uko bangana.
- (*Anataliya araseka*). Rimwe mwazaga kubuduha MUBABAYE, ubundi mukaza kubuduha MWISHIMYE.
- Ubiroye, iwacu, mbona bamwe bagerageza, abandi ntibagerageze. Ubwo rero n'ahandi ntabonesha amaso yanjye nizeye ko ari uko bigenda.
- Mwambwiye ko NGOMBA KWITONDA, NKAZIRIKANA IBYO MUMBWIRA, cyane cyane MURI IYI MINSI, IBYO MUNYIBUTSA, KUKO **IGIHE CYO KUBINYIBUTSA ARI GITOYA**. IGIHE GISIGAYE CYO KUBINYIBUTSA ARI GITOYA. Ariko ntabwo numvise neza icyo mushaka kugeraho.
- Ubu se nzabyitondera mbyumve kurusha uko na mbere nashakaga kubyumva? Kereka mumpaye andi matwi.
- Njyewe ntabwo navuga ngo NZITONDA MBYUMVE NEZA bitewe n'uko igihe cyose iyo muje kunsura MBA MFITE INYOTA YO KUMVA ICYO MUMBWIRA.

- Mwatubwiye IBYO TWAKORA, IBYO TWASABA, KUGIRA NGO DUSHOBOKERWE N'IBYO MUTUBWIRA. KUKO KENSHI MWAKUNZE KUMENYESHA KO ISI IMEZE NABI; MWAKOMEJE KUMBWIRA KO IZAGIRWA NEZA, IZAKIZWA N'IBYO MUTUBWIRA. MUMENYESHA KO UMUTI ARI UWONGUWO.
- Uko mbyitegereza, mbona koko IBYO MUTUBWIRA ARI UMUTI WO GUKIZA ISI. NITUBIKURIKIZA TUZAKIRA. ISI IZAMERA NEZA.
- TURABIZI IBIZADUFASHA GUTUNGANYA IBYO MUDUSABA: Nitugira UBWITONZI, tukagira UBUSHISHOZI, tukagira URUMURI, tukagira UBUTWARI, tukagira IMBARAGA N'UKWIHANGANA BIZADUFASHA KURANGIZA NEZA IBYO MUDUSABA BYOSE.
- (*Anataliya araseka*). Ntabwo nshobora kwibagirwa icyankiza.
- Mwebwe se uko mubibona, KANDI MBERE YO KUZA, MWAJE MUZI ABAZAKIRA UBUTUMWA BWANYU kandi NA NYUMA YAHU MURABIBONA ABAZABWAKIRA UKO BANGANA. Murabona tuzaba tungana gute ABAZABA BARAKIRIYE UBUTUMWA BWANYU?
- (*Araseka na none*). Iiii, ku byerekeye ahongaho NARI MBIBAJIJE, KUKO YAMBWIRAGA NGO NINSENGE NSABIRE ISI, NGO KUGIRA NGO IROKOKE. Ariko ndamubaza nti ubu icyo nakora, nti .., nako nti NABWIRWA N'IKI KO HARI ABANTU BENSHI BASHOBORA KUOKOKA?
- YANSHIRIYE UMUGANI AVUGA NGO:"UMUNTU AHINGA AZI KO AZEZA, NGO NANJYE NIMUGIRIRE UBWIZERE, NGO MBIBE AYO MASENGESHO YANJYE, NGO NIMUGIRIRA UBWIZERE, NGO AZERA NEZA NGO NK'UKO UMUHINZI AHINGA, NGO AKAGIRA UBWIZERE BW'UKO AZASARURA". Ariko ntabwo numvise neza!
- (*Araseka*). Iiii, UBWO NAMWE UBWO MUBIBA UBUTUMWA BWANYU, MUZI NEZA KO BUZERAHO IMBUTO NZIZA.
- Iiii. Ndabyishimiye, UBWO NAMWE MWISHIMIYE, UBWO NATWE TURISHIMIYE.
- Mwishimiye se ko TWAKIRIYE UBUTUMWA BWANYU NEZA CYANGWA MWISHIMIYE KO TUGERAGEZA?
- MWISHIMIYE KO TUGERAGEZA!!!
- MURAKOZE!!!
- KUDUSHIMA MWAMBWIYE KO ARI UKUDUTERA INKUNGA, ARI UKUDUHA IMBARAGA, mbese ari UKUTWUMVISHA KO UMUNTU ADAKORERA UBUSA, CYANE CYANE IYO BAKORERA KUBASHIMISHA.
- Oya NTABWO ISHIMWE RYANYU RYADUTERA GUSUBIRA INYUMA, AHUBWO BIRATUMA DUSUBIRA IMBERE.
- Hano mu nsi niko tumera, kubera ko iyo umuntu ashimwe bimuviramo KWIRATA, bimuviramo ndetse GUSUBIRA INYUMA, N'ICYARI GITUMYE AJYA MBERE, NONEHO BIKAMUBERA IMPAMVU YO GUSUBIRA INYUMA. Ariko KUBERA KO ARI ISHIMWE

RYANYU, UBWO MURADUHA N'IMBARAGA ZO GUKOMEZA KURUSHAHO KUBAKORERA.

- Kandi nanjye ndishimye kuko kenshi KUVA MUZA MWAKUNDAGA KUZA MUTUBWIRA NGO KUKI TUTAGIRA GUTYA? NONEHO NANJYE NKUMVA KO NKORERA UBUSA, NKIBAZA NIBA NTA NA KIMWE TUBAKORERA KIBASHIMISHA.
- Ubundi hano mu nsi iyo ukora imirimo, UKAGAWA BURI GIHE BURI GIHE, bigutera n'umujinya ukivumbura!
- icyakora ntabwo nari nararambiwe, kuko NZI KO IBYANYU BIZA BUHORO BUHORO. Nari narategereje nkavuga nti: "IGIHE CYO KUDUSHIMA, IGIHE CYO KUDUTERA INKUNGA, IGIHE CYO KUDUKOMEZA", NTIKIRAGERA.
- Ndabyumva neza NTABWO MUDUSHIMIYE KO TWABWAKIRIYE NEZA, NUMVISE KO, RIMWE NA RIMWE TUGERAGEZA.
- MWAMBWIYE KO UZASHAKA KUBAKORERA ABASHIMISHA MWE MUZAMUSHIMISHA KURUSHAHO.
- Twebwe nta kindi tuzakora, KITARI UGUSHISHIKARIRA buri muni KURANGIZA IBYO MUTUBWIRA, IBYO MUTWIFUZAHO. Mbese buri muni, buri gitondo na nimugoroba, tuzajya tugerageza KUBEGURIRA UMUTIMA WACU, KUBAHA UMUBIRI WACU, NA ROHO YACU, KUGIRA NGO MUBE ARI MWE MUBITEGEKA; KUGIRA NGO ABE ARI MWE MUBYIYOBORERA. BITYO TUJYE DUKORA UGUSHAKA KWANYU.
- Abongabo BATARABAGIRIRA INYOTA YO KUBATEGA AMATWI, nabo muzababyutse, batabizi, mubereke INZIRA YANYU, mubereke ICYO BAKORA, mubereke UKURI AHO KURI, bityo BAZUMVE IJWI RYANYU. Maze biyumvire iryo jwi ribashima.
- Muzabahe no kuryohereza n'ijambo ryanyu KURUSHA UKO IBY'ISI BIBARYOHERA.
- Ibyanyu bihora biryohereye, naho iby'isi biryoha akanya gato, ubundi bikamera nk'urusenda.
- Indirimbo: Nzasingiza Imana.
- Ndabizi ko ISHIMWE RYANYU ATARI IRY'AKANYA GATO, AHUBWO ARI IRY'IGIHE CYOSE.
- NTABWO ARI UBUNGUBU GUSA MUDUSHIMYE AHUBWO N'IGIHE CYOSE MURADUSHIMA, NI UKO TUTABIMENYA. MUBIGARAGARIZA MU BIKORWA MUTUGIRIRA NO MU MAGAMBO MUTUBWIRA, ARIKO NTITUBIMENYE! AHUBWO MWANADUSHIMISHIJE KUVA KERA, UMUNSI MWIFUZA KUTUREBA, MUKAGARUKA KUREBA AHO MWADUSIZE, MUKAGARUKA KUDUTERA INKUNGA MU MIBEREHO YACU, NO KUTUYOBORA INZIRA Y'UKURI.
- MWABITWIBUKIJE KUVA KERA, IGIHE MUTURINDA ICYATWANDURIZA ROHO N'ICYADUSHANYAGURIZA UMUBIRI.
- Turabibona, URUKUNDO RWANYU RUGARAGARIRA MU BIKORWA NO MU MIVUGIRE.

- Iyo umuntu atekereje, akaba afite ingabire yanyu, abona ko mumukunda, ABONA KO MUMWITAYEHO, ABONA KO MBESE IGIHE CYOSE MURI HAFI.

(IHINDURWA RYA CASSETTE)

- ===== Mbese kugira ngo umuntu amenye ko mumukunda ni uko aba afite INEMA N'INGABIRE YANYU.
- N'iyi umuntu ari mu byago cyangwa se n'andi makuba yamuzitiye, ari mu rukundo rwanyu, IBYO BYOSE ABONA KO MWABISHATSE, KUGIRA NGO MURUSHEHO KUMWEGERANYA NAMWE, MURUSHEHO KUMWUMVISHA KO INZIRA Y'UBUBABARE ARI YO NZIRA Y'UKURI. KUMWUMVISHA KO UBUBABARE MWAGIZE, NAWA AGOMBA KUBUGIRA KUKO ARI UMWANA WANYU. Ariko iyo yabitandukanijeho iyo adashaka kubumva, ABONA ARI IBYAGO BIBI, ABONA ARI URWANGO MWAMUGIRIYE. REKA IBITUTSI N'INGESO MBI ZOSE AKABIVANA IYO BYABAGA MAZE AKAZIKORERA ICYO.
- Mwakunze kumbwira kenshi ko TUGOMBA KUBAKUNDA TUKEMERA IBYO TUBONEYE HANO MU NSI KUBERA MWEBWE. TUGOMBA KUBAKURIKIZA UKO TURI KOSE. MAZE INZIRA TUBONEYE MURI IYI SI, MURI UKO GUHAMAGARWA MURI IYO NZIRA, TUGASHOBORA KUBYIHANGANIRA, TUGASHOBORA KUBYUMVA NK'UKO MWABYIHANGANIYE MWEBWE N'UMWANA WANYU.
- Oya nta n'umwe wishimye ku buryo bunogeye amaso. N'ubwo wakwishima imbere ..., n'ubwo wakwishima imbere inyuma ubabaye, cyangwa se n'ubwo wakwishima imbere, ni iby'umwanya mutoya ubundi bigashira.  
NK'UKO BIVUGWA NGO:"UKWISHIMA NIMUGORоба BIBYARA KUBABARA MU GITONDO" cyangwa se; "KWISHIMA MU GITONDO BIBYARA KUBABARA NIMUGORоба".
- Twese twawiteguye.
- IMITIMA YACU NI WOVE IRANGAMIYE ITEGEREJE IKIBAKOMOKAHO.
- Kumva ko MWAJE, ni ukuvuga KO TWESE MUDUHWITURA, MUKATUGARURA, MUKATWEREKEZA AHO MURI KUGIRA NGO DUSHOBORE KUMVA NO GUKURIKIRA IBYO MUTUBWIRA.
- Ishapule (ibanjirijwe n'ikimenyetso cy'umugaraba na hubahwe Patri. Nataliya atera amibukiro y'ikuzo. Twumve uko yazirikanye amibukiro):
- Iyibukiro rya mbere: YEZU AZUKA, DUSABE INEMA YO GUTUNGANIRA IMANA.  
  
AKA KANYA MUBYEYI WACU, WAKIRE AMASENGESHO Y'ABANA BAWE, BAGUTURA AMANYWA N'IJORO, MAZE KU BUBASHA BWAVE NO KU BUSHAKE BWAVE UJYE UBAHA ICYO USHAKA. AMINA.
- Iyibukiro rya kabiri: YEZU ASUBIRA MU IJURU, DUSABE INEMA YO KUZAJYA MU IJURU.

*Indirimbo: WAGWIRIJWE INEMA Z'IMANA (SANGWA)*

- Iyibukiro rya gatatu: ROHO MUTAGATIFU AZA MU MITIMA Y'INTUMWA, DUSABE INEMA YO GUKOMERA MU BY'IMANA.

Indirimbo: MU BAGORE WAGIZE IHIRWE (SANGWA)

- Iyibukiro rya kane: MUPFA MUKAJYANWA MU IJURU, DUSABE INEMA YO GUPFA NEZA.

Indirimbo: WARATANZE NKA RUBANDA (TUJE NONE KUGUSHIMA)

- Iyibukiro rya gatanu: MWIMAKAZWA, DUSABE INEMA YO KUBIZERA.

BIKIRA MARIYA MUBYEYI WACU, IGIHE CYOSE TWIZEYE IBIBATURUKAHO, TUBASABYE IMBARAGA, UBUTWARI, UKWIHANGANA, URUMURI N'UBWITONZI N'UBUSHISHOZI MU BYO MUTUGEZAHO BYOSE. AMINA.

(Nataliya yarangije ishapule amaze umwanya araramye cyane. Ayirangije akomeza atya):

- (Avuga ahumagira nk'umuntu wirukanse umwanya munini): NI UKO ARI KU MBARAGA UBUNDI MBA NITUYE HASI. Mwari muzi ko ndwaye umutwe mukancurika gutyo! (Aseka)
- TUTARI KUMWE NTABWO NABYIHANGANIRA. N'ubwo nakoresha uburyo ubwo ari bwo bwose kugira ngo NSENGE UMUBIRI WANJYE NTAWUSHIMISHIJE, ntabwo nakwemera kubabara gutya. Najya nduhuka ubundi ngakomeza!
- Yee, BIRABASHIMISHA IYO UMUNTU ABABAZA UMUBIRI, ARIKO ASHAKA GUSHIMISHA ROHO. Twebweho biratubabaza iyo tubabaza umubiri!
- KU BYO MWATUBWIYE UBUSHIZE, mbese twarabyumvise ariko niba twarabikurikije ntabwo mbizi. Twaragerageje icyakora.
- UBUSHIZE MWARI MWATUGEJEJEHO IBYIFUZO BY'UKO TWAGIRIRA ABANDI, UKO NATWE TWIFUZA TWAGIRIRWA, MUDUSABA KUBABARIRANA, KUGIRIRANA IMBABAZI.
- Mwari mubikurije ku isengesho rya Dawe uri mu ijuru, ku ho tuvuga ngo: "NTUZADUHORE IBYAHA BYACU NK'UKO NATWE TUTABIHORA ABABITUGIRIRA".
- Ubundi mwanatubwiye KO TUGOMBA KUZIRIKANA IGIHE CYOSE, IMITIMA YACU. TUKAGERAGEZA KUYISUKURA NK'UKO TUBIGENZEREZA IMYENDA YACU CYANGWA SE N'IBINDI BYOSE DUTUNZE.
- Nkurikije ibyo mwaraye muvuze, mwavuze ko: MUZAZA KUDUTERA INKUNGA MU BUTUMWA MUDUHA NO KUTWIGISHA NEZA UKO DUKWIRIYE GUKORESHA IMPANO DUHABWA.
- Muri iyi si turi benshi cyane kandi turatandukanye. Ari ku mubiri, ari mu gihugu, ari mu bwoko no mu madini.
- TWESE DUKOMOKA KU MUNTU UMWE.

- TWESE TUGOMBA GUKORERA UMUNTU UMWE.
- IBY'IBIHUGU BYO, simbizi bitewe n'uko ntazi niba ari mwe mwabyise amazina cyangwa se niba ari ababituyemo bayise.
- NAHO IBYEREKEYE AMADINI, NZI KO HARIHO IDINI RIMWE RYASHINZWE N'UMWANA WANYU. ANDI AKURIKIRA BIRASHOBOKA KO ARI ABANTU BAGENDA BAYISHYIRIRAHU.
- Ibyerekeye UKO DUSA KU MUBIRI, nizere ko ari IMANA ibitera.
- IGIHE MUTUZANIYE UBUTUMWA, twese tuba dukiranira imbere yanyu, twese tuba twifuza kubumva, namwe kandi NTAWE MUHEZA.
- Twese ntabwo ari ko dufite imimerere imwe, si ko dufite imico imwe.
- Twebwe ukuntu tubana, dukurikije ko tudatye kimwe, ko tudafite imimerere imwe n'imico imwe, TUBANA NABI KANDI NEZA. RIMWE NA RIMWE TURANGANA UBUNDI TUGAKUNDANA. TURIHANGANIRANA UBUNDI BIKATUNANIRA.
- Ntabwo twese ariko dukora imirimo imwe, USIBYE KO BYARI NGOMBWA KO YOSE YARI IKWIYE KUBA ARI MWE TUYIKORERA.
- Hari abakozi hakabaho n'abakoresha. Hari abategeka n'abategekwa.
- Muri iyo mirimo yacu HARIHO ABASUZUGURWA HAKABAHO N'ABASHIMWA.
- N'UBUNDI BYARI BIKWIYE KO UMWE YARI AKWIYE KUBAHA UNDI, AKAMWUBAHIRA N'UKO AMEZE, YABA SE ARI MUTO CYANGWA SE YABA ARI MUKURU; YABA ADAKORA CYANGWA SE YABA AKORA.
- Hariho abatarwaye bafite ubuzima, abandi bakaba ari ibimuga.
- Oya, twese NTAWIHA ICYO ASHAKA.
- Igihe cyose niko bimera. Akenshi iyo umuntu ari muzima YIRATA KU MURWAYI, cyangwa se UMURWAYI AKIRATA KU KIMUGA. Niko bimera: NK'UMUKOZI AKIRATA K'UDAKORA.
- Niko bimera, mbese kuri iyi si ukuntu abantu BAGENDA BASUMBANA, NIKO BANAGENDA BIRATA, NIKO BANAGENDA, MBESE BASHAKA KUGARAGAZA UKO BATEYE; BABIGARAGARIZA ABANDI BATISHOBOYE.
- Bamwe bazi byinshi, abandi bazi bikeya.
- NI MWE MUBA MWABITANZE.
- NI KO BYARI BIKWIYE KUMERA: IBYINSHI BYARI BIKWIYE KUTUBERA ITURO RYANYU, TUKABIBASHIMIRA, TUKABASINGIZA, TUKUMVA KO MUDUKUNDA BIRENGEJE URUGERO.

- Twebwe ntabwo twiyumvisha ko NTA N'UMWE UTABAFITEHO UMUKIRO, KO NTA N'UMWE UDAFITE IKIBAKOMOKAHO.
- Ikidutera UKO KWIRATA, ikidutera UKO KUGIRIRANA ISHYARI, CYANE CYANE NI UKWIBWIRA KO TURUSHANYA UBWENGE.
- Hariho nk'abazi gukora ibintu byisnhi bishobora kugurutsa abantu mu kirere, bishobora gutwara abantu ku butaka, mbese ibintu by'ibyuma undi atazi areba agashoberwa. Hakaba n'abandi bazi gukora utuntu twiza tunogeye amaso. Hakaba n'abandi bazi gukora ibikorwa byiza: ibikorwa bito bito, ariko bibashimishije. Hakaba n'abandi bavuga neza, igihe cyose barangwa n'ituze, barangwa n'amahoro. Hakaba n'abandi bahorana umwiryane, bahora bavuga nabi, mbese umutima wabo wuzuye urwango. MURI IYI SI TWESE TURATANDUKANYE.
- Twese NTAWU UDAFITE INGABIRE YANYU.
- Biterwa n'uko umwe yumva ko ibyaha akora BIRUSHIJE IBY'ABANDI, BIRENZE IBY'ABANDI. Buri wese rero akumva ko ari uko bigenda; bityo, UMWE AKITERURA KU WUNDI, UNDI AKITERURA KU WUNDI RUKABURA GICA.
- Nk'ukora ibyo biguruka mu kirere, yumva ko [REDACTED] binogeye amaso byiza bindi bitaguruka. Ukora ibyo bindi byiza binogeye amaso, akumva ko arusha abandi ubwenge, arusha ubutwari, ukora ibiguruka mu kirere. Bityo BAHURA BAGACAGAGURANA.
- Undi cyangwa akavuga ati: ndarusha ibitekerezo byiza uriya muntu. Ndarusha ibikorwa byiza uriya muntu. N'undi nawe akaba yibwira atyo; bityo HAKAVUKA AMAHANE BITEWE N'IBIKORWA BIBI BIBAGARAGAZA.
- NIKO BYARI BIKWIYE KUGENDA, K'UFITE UMUTIMA WIBAZA KO BURI WESE ABAKOMOKAHO KANDI KO MUMUKUNDA, KO MUFITE UBURYO AGOMBA KUBAHO; N'UKO AGOMBA KUMERA; UBWO TUBIFITE TWAHORA TWUMVIKANA, TWAHORA DUFITE URUKUNDO.
- Bamwe TUZIRA KWIRATA, tukumva ko Imana yaturemye neza, tukumva ko nta kintu yatwimye na kimwe, bityo UBWO BWIZA BUKATUVIRAMO UBWIRASI, BUKATUVIRAMO ISHYARI, BUKATUVIRAMO URWANGO KU BANDI.

(IHINDURWA RYA CASSETTE)

- ===== Ari we mwiza cyane, akumva ko uw'igikara ari we mubi. Uw'igikara akumva ko ari we mwiza cyane, akumva ko uw'inzobe ari mubi. Umuzungu akumva ko ari we wa mbere Imana yatonesheje, akumva ko ari we wa mbere mwiza. Umwirabura akumva ko ari we mwiza, akumva ko Imana ari we yitayeho ikamuha umubiri umeze neza. Bityo rero igihe cyose, MU MITIMA YACU HAKABA HARI IBITEKEREZO BINYURANYE N'UGUSHAKA KWACU.
- Ese ubwo IYO MUBIBONYE TUBITEKEREZA MU MITIMA YACU, MWEBWE MUBITEKEREZAHO IKI? Cyangwa iyo mubonye TWIKUZA DUTYO mu byo mwaduhaye, mu byiza byose mwaduhaye, mwebwe mubivugaho iki?
- (*Anataliya araseka*) NIBYO KOKO, TWESE MUJYE MUDUHA UMUTIMA WO KWITUNGA ARI MWE TWITUNGIYE, WO GUKORA ARI MWE DUKORERA, TWEMERA IBYO MWADUHAYE BYOSE, ARI IBIKE CYANGWA SE IBYINSHI; IMIBIRI MUDUHA, YABA



IFITE INDWARA Z'AMOKO YOSE, CYANGWA SE WABA URI MUZIMA. TUBYAKIRE UKO BIRI, BYOSE TUMENYE KO ARI MWE MUBISHAKA.

Kandi muduhe KWIYOROSHYA, TWICISHE BUGUFI IGIHE CYOSE, twumve ko NTA N'UMWE MWANGA, twumve ko n'ubwo dutandukanye hano mu nsi, ariko twese ARI MWE DUKOMOKAHO.

- Muduhe UBWUMVIKANE, TWUBAHANE BAMWE N'ABANDI, ari umuto ari umukuru, ari umutegetsi ari umutegekwa, ari umurwayi ari n'umuzima, byose tujye dushobora kubyihanganira, twese tumenye KO ARI MWE DUKOMOKAHO. KO KANDI UBWIZA MUREBA, KO ICYO MUREBA IGIHE CYOSE ARI UMUTIMA.
- Byose tubiterwa n'IRARI RY'IBY'ISI, tukabiterwa no GUHARANIRA GUKORERA ISI NO GUSHIMWA N'AMASO Y'ABANTU. Mu bikorwa byacu TUGAHORA DUSHAKASHAKA UTUNTU TWATURATA, UTUNTU TWATUMA TWUBAHWA, UTUNTU TWATUMA DUHABWA ICYUBAHIRO KIRENZE.
- Mujye mubidutsindira, GUSA ICYUBAHIRO GIHARIRWE MWEBWE MWENYINE. Ibyo byose dushakashaka, tubishakashake kugira ngo TUBABERE ABANA B'INDAHEMUKA. TUBABERE ABAKOZI MU NSI, DUSHOBORE KUYIGIRA NZIZA NK'UKO MUBYIFUZA.
- Oya ntabwo twese ARI KO DUHWANYIJE INGABIRE.
- Mutubwirira hamwe ariko uburyo bwo kumva buratandukanye. Hariho uwumva vuba, hakabaho n'uwumva bitinze. Hakabaho n'utumva burundu.
- NTABWO BITERWA N'IMIRIMO TUBA DUFITE MU NSI, N'ICYUBAHIRO TUBA DUFITE MU NSI, CYANGWA SE UKWUBAHWA, NTABWO ARI CYO GUTUMA TWUMVA VUBA IBYO MUTUBWIRA. KUKO IBYO MU NSI NI IBYO MU NSI, N'IBYO MU IJURU ARI BYO BYANYU ARI IBYO MU IJURU.
- Bitewe n'uko ibyo mu nsi umuntu atekereza ibye agakora programu mu mwanya umwe, AGAHITA ABIKORA, ariko ibyanyu igihe cyose NI UGUTEGEREZA, NI UGUHAKWA, NI UGUHORA DUSABIRIZA, KUGIRA NGO MUSHOBORE KUDUHISHURIRA ICYO TWAKORA, KUGIRA NGO MUSHOBORE KUDUHISHURIRA ICYO MWATUBWIRA, MBESE IKIBATURUKAHO ICYO ARI CYO CYOSE. NTA BUHANGA RERO BWO MU NSI DUSHYIRAHU, AHUBWO IGIHE CYOSE DUHORA DUTEGEREJE UBWANYU.
- Nk'uko UBUSHIZE MWADUSABYE KUBABARIRANA NONE UBU MUKABA MUDUSABA KUBAHANA, UMWE N'ABANDI, ibyo byose uko mubitwifuzaho, uko muhora mudusobanurira ko imbere yanyu TURESHYA, TUGOMBA KUBAHANA, TUKUBAHANA MURI BYOSE, TUKIHANGANIRA INGESO Y'UNDI NK'UKO NATWE TWIFUZA KO MWATWIHANGANIRA IYACU, mujye mubidufashamo igihe turyamye cyangwa se turi maso, tujye duhora tubizirikana. IGIHE TUGAYA ABANDI, TWIBUKE KO MWABITUBUJJE, IGIHE TWANGA KUBABARIRA ABANDI TWIBUKE KO MWADUSABYE KUBABARIRA.
- Uko buri wese ATAZI ICYO MWAGENEYE BURI MUNTU, ICYO MUMUHA BURI MUNSI, bityo natwe tujye tugira UMUTIMA WUBAHA, UKUNDA GUKORERA ABANDI, W'UKURI.
- *Indirimbo: – Bikira Mariya Munyangeso nziza (Icyo gitero agisubiramo).*

– *Udutere umwete tugenze gikristu.*

- N'ubwo byaducika muri aka kanya, ariko BURI MUNSI MUJYE MUDUHA UMUTIMA WO KUBYUZA AHO TURI HOSE TUBITEKEREZE, TUBISUBIREMO, TUBYUMVE NEZA. IBIKORWA DUKORA, BITUBERE IMPAMVU YO KWIBUKA BIMWE MWAGIYE MUDUSABA, MU MAGAMBO TUVUGA, ATUBERE IMPAMVU YO KWIBUKA IBYO MWAGIYE MUTUGEZAHO, bityo igihe cyose, DUHORE TWIBUKA AMAGAMBO, DUHORE TWUZA IBYIFUZO, DUHORE TWUZA IBIKORWA MUHORA MUTUGIRIRA. Ariko cyane cyane uyu munsu UBWO TURI BURYAME, CYANGWA UBWO SE TURI BUKANURE KUBERA IMPAMVU Zawe, AHO TURI HOSE, UTWIBUTSE IBYO WATUBWIYE.
- Nk'uko kandi mubyivugira, muti: AMAGAMBO MEZA SIYO AKIZA ROHO, muti: AMAGAMBO MEZA SIYO ABAGEZA AHO TURI, mujye muduha IMBARAGA dushobore kubakurikiza, **IBYO MUDUSABA TUBIGARAGARIZE MU BIKORWA.** Muduhe UKUTARAMBIRWA, muduhe UGUTEGEREZA GUSHYITSE, bityo IBYO TUBASABA BURI MUNSI BIZAJYE BIZA BUHORO BUHORO NK'UKO MUBYIVUGIRA.
- Mwebwe mwifuza ko TWAKUBAHA, TWAKUBAHA IKIREMWAMUNTU, TWAKUBAHA IBYAREMWE BYOSE, turabasaba ingabire zanyu kugira ngo ZITUME DUSHOBORA KUBITUNGANYA.

Bityo, IBYO DUKORA BYOSE BYUZUZANYE, BYOSE BIHURIRE KURI MWEBWE. ICYO NKORA NJYEWE UNDI ADAKORA KIMUBERE URUGERO, ICYO AKORA NJYE NDAKORA, KIMBERE ITURO. IGIHE CYOSE DUHORE TURI ABANA BANYU.

- Ndishimye.
- Oya, **IBYO MWATUGEJEJEHO, NTABWO ARI UBWA MBERE TUBYIGISHIJE. TUBYIGISHWA KENSHI. N'IBYO MWATUGEJEJEHO MU GIHE CYASHIZE CYOSE, NTABWO ARI IBISHYA, NTABWO ARI IBINTU TWARI TUTARUMVA. TWESE TWABYIGISHIJE INSHURO NYINSHI.**

Igihe cyose mwambwiye ijambo, mbese n'ubwo ntahitaga mbisobanukirwaho, n'ubwo numvaga bindenze, ariko MWARABINSOBANURIRAGA.

- Akenshi n'impamvu yatumaga ntabyumva, NI UKO NYINE MWABAGA MUFITE IKINDI MUSHAKA KUNYIGISHAHO. Bityo, UKO NITEKEREREJE NTABE ARI KO MWE MUBITEKEREZA.
- Narishimye cyane, kuko HARI BYINSHI CYANE MWANYUNGUYE NTARI NZI, N'IBYO NARI NZI BIKABA NTARABISOBANUKIRWAGA, BIKABA NTARABYUMVAGA NEZA, MBESE BIMWE NKABA NARI MBIZI MU MAFUTI; ARIKO MURI IKI GIHE TUMARANYE CYOSE, MWARANKOSOYE.

**AHASIGAYE NI AHANJYE, AHASIGAYE NI NJYE UGOMBA GUKORA NGAKURIKIZA IBYO MWAMBWIYE BYOSE, KUKO NZI KO ARI UKURI, KUKO NZI KO MWASHATSE KUNGARURA MU NZIRA NZIZA.**

- BYANZANIYE AMAHIRWE MENSHI, BYANZANIYE IBYISHIMO.
- ICYA MBERE NI UKO NUMVAGA BAKUVUGA MU BITABO BITAGATIFU, RIMWE NKUMVA KO URIHO KOKO, UBUNDI NGASHIDIKANYA. ARIKO KUBA NARABABONYE BYANTEYE GUKOMERA NO KUBIHAMBIRAHU BURUNDU.

- Mu byago cyangwa se mu bubabare nagiraga nkabiyambaza, NABONAGA BITAMBAYEHO, NKAVUGA NTI UMENYA MBWIRA UDAHARI. ICYO GIHE BYANZANIRAGA UGUSHIDIKANYA.
- **NK'UKO UBUNGUBU HABA HAKIRIHO ABAMEZE GUTYO BABIYAMBAZA, BABATABAZA, KUGIRA NGO MUBAROKORE MU BUBABARE BWABO, KUGIRA NGO MUBAHE IBYIZA BAKENEYE, KUBERA KO MUDAKOZE UGUSHAKA KWANYU, MUTABIKOZE SE AKO KANYA, BIKABAVIRAMO GUSHIDIKANYA KO BABWIRA UDAHARI.**
- Umuntu ni UKO AMEZE, umwanya umwe AREMERA, undi AKAGWA.
- N'UBU N'ABABONYE, iyo ngize UBUBABARE BUKOMEYE CYANE NGERA AHO NKAVUGA NTI UMENYA MWANKUYEHO IJISHO!
- NIKO BYARI BIKWIRIYE KUGENDA; TWESE TWARI DUKWIYE KUBAGIRIRA UKWIZERA. NI MWE TUBIKESHA NI MWE DUSABA UKWIHANGANA, NI MWE DUKESHA UBUTWARI, NI MWE DUKESHA BYOSE.
- NI UKO UBASABA ATARAMBIWE, ATARAMBIRWA, UZAMBAZA IGIHE CYOSE, AKABATABAZA MURI BYOSE MUMUTABARA; twese abana bawe mujye muduha IMBARAGA ZO KUBAKORERA; IMBARAGA ZO KUBIRINGIRA, IMBARAGA ZO KUMENYA KO MURI ABABYEYI BACU. BITYO IGIHE CYOSE UMUTIMA WACU UJYE UBEGAMIRA, UJYE UBIYAMBAZA.
- Haba igihe tubiterwa n'umwanzi wacu shitani. Igihe cyose murabona ukuntu iba idukikije ishaka kudutandukanya namwe. Mujye muyitwuhurira, muyijyane kure yacu, kugira ngo ICYIZERE TUBAFITIYE, cye kuzigera kivaho.
- Mbatuye IMITIMA YOSE: YIFUZA KUBABONA MU MITIMA YABO, YIFUZA KUBEGERA, YIFUZA GUHINDUKA KUGIRA NGO IYOBOKE INZIRA YANYU, NGO MUYIKOMEZE. Muyirinde icyayica intege icyo ari cyo cyose, muyitere umwete no kuzamuka mu byifuzo byayo.
- Mbatuye kandi n'abandi BACYIFUZA KUBEGERA, n'abandi BATABAFITIYE UKWEMERA, n'abandi BATABIZERA NA RIMWE, KUGIRA NGO MUBAHINDURE; KUGIRA NGO MUBAVANEMO ICYO KINTU GIKINGIRIJE AHO UKURI KURI. KUGIRA NGO MUBEREKE AHO IBYIZA BIRI, **AHO UMUGABYI WA BYOSE ARI.**
- Mbatuye kandi n'ABAFITE IMITIMA IRI HAGATI, N'ABASHAKA KUBAKURIKIRA BAKAZITIRWA N'IBINDI. ABO BOSE MUJYE MUBAZAMURA, MUREBE IMBARAGA ZABO UKO ZINGANA.
- Mbatuye ISI YOSE KUGIRA NGO MUYIHINDURE, kugira ngo MUYUMVISHE NEZA **UMUTI** USHOBORA KUYIKIZA, kugira ngo bose BAMENYE **UWO BAKOMOKAHO**, N'UWABAHAYE UBWENGE, N'UWABAHAYE KUBONA, N'UWABAHAYE KUTABONA, N'UWABAHAYE UBUZIMA N'UBUMUGA BWO MURI IYI SI. ABO BOSE BAHORE IMITIMA YABO **ARI MWE YEREKEYE**, BOSE IMITIMA YABO IBAYOBOKE.
- Mbatuye IBYIFUZO BYANJYE BYOSE: ibyo ngira buri munsu n'ibyabandi bose badahwema kugira buri saha, buri munota, buri kanya kugira ngo MUDUHE UBWIZERE BW'UKO BYOSE

BISHOBOKA, YUKO BYOSE BIBASHOBOKERA, NTA NA KIMWE MUTABONERA IGISUBIZO.

- Ibyo ni ibyifuzo byacu; muduhe n'IMBARAGA ZO KWIHANGANA, DUTEGEREJE IKIBAKOMOKAHO.
- Ali ABIGISHIJE IJAMBO RY'IMANA, ari N'ABAMENYESHEJWE KO MURIHO N'ABATARABIMENYA, BYOSE BYIGARAGARIZE MU MITIMA YABO, MUBEREKE KO **KUBA MURI MWE BIRUTA BYOSE; ARI IBYA MBERE.**
- Murakoze.
- *Amasengesho: (Anataliya akora ikimenyetso cy'umusaraba, atera aya masengesho): – Isengesho ryo kwicuza ibyaha*
  - *Dawe uri mu ijuru*
  - *Ndakuramutsa Mariya*
  - *Hubahwe*
  - *Bikira Mariya Nyirimpuhwe*
  - *Mariya utasamanywe icyaha (3)*
- TURISHIMYE CYANE, BITEWE N'UKO DUTAHANYE IBINEZANEZA.

(IHINDURWA RYA CASSETTE)

- ===== utubanisha nawe iteka ryose.
- UMUGISHA SI UBU BWONYINE TUWUHAWE, IGIHE CYOSE TURAWUHABWA. KANDI SI UBU BWONYINE MUWUTANZE.
- Niyo mpamvu rero TUBONA IYO MUGIYE KUWUDUHA, tubona ko ari ngombwa, mbese tukawakira .., TUKAWAKIRANA IBYISHIMO, KUKO TUZI KO IKIBAKOMOTSEHO CYOSE, ARI TWE MUGIRIRA, KIBA GISHIMISHIJE CYANE.
- Umugisha kuva na kera waratangwaga, ari ku MANA, ari no ku BANTU.
- Tuzi ko YEZU YAWUHAYE INTUMWA ZE. ARI NAWO ABAZISIMBUYE ARI WO BAKORESHA MURI IKI GIHE BAKABA BABIKORA MU IZINA RYA YEZU.
- TUZAWUKOMEZA igihe cyose, kandi IGIHE CYOSE TUZAJYA TWITEGURA, KUKO MUWUDUHA KENSHI MUKAWUDUHA KU BURYO TUTAZI; MUKAWUDUHA MUKORESHEJE UBURYO BWINSHI.
- Kuki IYO MUTANGA UMUGISHA, **KENSHI MUKORESHA IKIMENYETSO CY'UMUSARABA?** KU BURYO BWINSHI, IGIHE KININI KANDI MBONA MUKORA IKIMENYETSO CY'UMUSARABA!
- Niba mwaranabimbwiye ndumva ari kera ku buryo ntakibyibuka neza. N'ubwo naba mbyibuka, ndumva nshobora kubivuga ku buryo butameze neza.
- NI UKO ARI WO TWACUNGUWEHO NA YEZU KRISTU.

*(Ubwo hari hashize umwanya hagwa utujobab tw'imvura y'umugisha. Aataliya atanga UMUGISHA WA BIKIRA MARIYA akoresheje ikiganza kandi aririmba ngo: UMUGISHA WA BIKIRA MARIYA. Abiririmba inshuro 20, ahindukirira impande zose, agenda yimuka gato gato, kandi ahanze amaso Umubyeyi umubonekera. Arangije akomeza atya):*

- TURISHIMYE CYANE.
- Murakoze.
- Mwongeye gusubirayo? Ntacyo bitwaye. IBYO MUTUGEJEJEHO SI BIKEYA. Twe tubasabye INEMA N'INGABIRE, IZAJYA IHORA IBITWIBUTSA IGIHE CYOSE. Kandi nk'UKO ATARI UBWA MBERE TUBYIGISHIJE, AHUBWO IGIHE CYOSE, IGIHE TUBYUMVISE ARI MU BITABO BITAGATIFU ARI N'AHANDI MU MINWA Y'ABANTU, TUJYE DUSHOBORA ..., BIJYE BITUBERA URWIBUTSO RW'UKO MWABITUBWIYE.
- Mwambwiye ko MUZAGARUKA KURI ESHATU. Ariko nta saha mwambwiye.
- Ubu mwari mwambwiye saa munani n'igice.
- NO KURI ESHATU NI IYONGIYO?
- Ese kuki MUKUNDA KUBA ARI YO MUKORESHA ?
- KUKO ARI KO MUBISHAKA ? (Anataliya araseka). **BYOSE SE KO MUVUGA NGO NIKO MUBISHAKA, NASUBIZA IKI !!!**
- BIJYE BIBA UKO MUBISHAKA.
- Ibyo mwambwiye ndabyibuka.
- KU NGABIRE ZANYU, BIZAGERA ICYO GIHE NKIBYIBUKA, ku buryo n'IBYO MUZAMBWIRA BIZAKOMEREZAHU.
- Njyewe nta na rimwe nifuzako nabyibagirwa.
- MUKOMERE NAMWE KANDI MURAKOZE. (Anataliya akora ikimenyetso cy'umusaraba).
- Murakoze UBWO MUTURI HAFI, MUKABA MUTURINDA ICYASHAKA KUDUTANDUKANYA NAMWE, ICYATUMA TUTARANGIZA UGUSHAKA KWANYU. Turabyishimiye.
- Natwe muduhe KUBAKUNDA, KUBAKORERA NO KUBUBAHA IGIHE CYOSE. TUBIGARAGARIZA MU BIREMWA BYOSE.
- Indirimbo :
  - Nzajya kumureba, ni we Yezu yampaye (Nzasanga Mariya).
  - Nzajya kumureba niba mfite agahinda .....

(Birangirira aha ngaha, hari saa kumi n'igice. Anataliya yitura hasi, mu gihe yari akiririmba iyo ndirimbo.).